REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE
IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE


B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

**AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 8, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI, IGICE CYA KABIRI WERURWE (11-20) 2020**

**Cyasohotse ku itariki ya 22Werurwe, 2020**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya kabiri, Werurwe 2020 kuva tariki ya 11 kugeza tariki ya 20, ahenshi mu gihugu habonetse imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe cy'imyaka myinshi. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Byimana mu Karere ka Ruhango hapimwe milimetero 122.5. Ahapimwe imvura nke ni ku bupimiro bwa Rubavu mu Karere ka Rubavu ingana na milimetero 25.4, Intara y'Amajyepfo, Amajyaruguru, Uburengerazuba bw'amajyepfo n'Uburasirazuba niho habonetse imvura nyinshi kurusha izindi ntara.
Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe ntibyahindutse cyane ugereranyije n'iminsi ishize; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyus 30.0(°C ) mu Bugarama na 21.9°C i Gicumbi naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya dogere Selisiyusi 20.4 ku bupimiro bwa Bugarama na 13.0°C ku bupimiro bwa Busogo na Musanze.





**Ishusho 1**: Imvura yaguye ugereranyije n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Werurwe2020.

### 1.1. Ingano y'imvura yaguye


Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya kabiri cya Werurwe 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi igice cya kabiri cyari hagati ya milimetero 122.5 na milimetero 25.4. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Byimana mu karere ka Ruhango mu ntara y'Amajyepfo (122.5mm). Ahaguye imvura nke ni ku bupimiro bwa Rubavu mu karere ka Rubavu hapimwe milimetero 25.4




*Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura muri mm*

### 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Werurwe

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Werurwe. bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yaguye yari nyinshi cyane muri iki gice cya Werurwe 2020 ahenshi mu gihugu, uretse ku bupimiro bwa Rubavu na Rusizi habonetse imvura nke ugereranyije nisanzwe ihagwa muri iki gice cya kabiri.





*Ikatita ya 2:Imvura isanzwe igwa mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Werurwe*

### 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo


Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya kabiri mu kwezi kwa Werurwe 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni umunsi ugira byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'iminsi itatu n'iminsi umunani(3-8) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye yari iminsi 6. Iminsi mike yabaye 3 ku bupimiro bwa Nyagatare , iminsi myinshi yabaye 8 ku bupimiro bwa Musanze.

Ubusanzwe iki igice cya Werurwe kigusha imvura iri hagati ya milimetero 45.5 na 11.0;




*Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo*

### 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




*Ikarita ya 4: Ubuhehere bw'ubutaka*


Ikarita ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya kabiri cya Werurwe 2020 bwiyongereye cyane mu ntara y'Amajyepfo, Amajyaruguru ndetse no mu ntara y'Iburasirazuba, bitewe n'ibihe Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buziyongera mu gice cya gatatu cya Werurwe bitewe n'uko imvura iziyongera ugereranyije niyaguye mugice cya kabiri.

## 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 5 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo gisanzwe; mu Majyaruguru y'Uburasirazuba, mu mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Uburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 21.9 na 26.8 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe dogere selisiyusi 27.4 no ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane kuko hapimwe dogere selisiyusi 30.0.





*Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru*

by'imvura  byaranze iyi minsi.

## 2.1. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 13.0 (Busogo na Musanze) na Dogere Selisiyusi 20.4 (Bugarama). Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane  kurusha ibindi bice by'igihugu.




*Ikarita ya 6: Ubushyuhe bwo hasi*

## 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Werurwe (tariki 21-31) 2020

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Ugereranyije igice cya kabiri cya Werurwe n'igice cya gatatu cya Werurwe, hateganyijwe ko imvura iziyongera mu gice cya gatatu cya Werurwe. Imvura iteganyijwe izaba iri hagati ya milimetero 50 na 150; intara y'Amajyaruguru, Iy'Amajyepfo n'Iy'Uburengerazuba niho hateganyijwe kuzagusha imvura nyinshi kurusha ahandi.

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza kwiyongera kw'imvura mu gice cya gatatu cya Werurwe 2020 (tariki 21-31), abahinzi barashishikarizwa kurangiza gutera imbuto bahitiwemo nabashinzwe ubuhinzi (abagoronome). Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.